REPUBLIQUE RWANDAISE

URGENT

Réf.N° 778/02.11

SERVICES DU PREMIER MINISTRE

**Madamu, Bwana Minisitiri (Bose)**

**Madamu, Bwana Sekereteri wa Leta (Bose)**
**KIGALI**

Madamu, Bwana Minisitiri,

Madamu, Bwana Sekereteri wa Leta,

Hamwe n'uru rwandiko, mboherereje imyanzuro y'ibyemezo by'inama y'Abaminisitiri yo kw'itariki ya 7/11/1997 kugira ngo mwihutishe kubishyira mu bikorwa buri wese mu bimureba.

Mugire amahoro.

**Petero Selesitini RWIGEMA**

**Minisitiri w'Intebe**

PREMIER MINISTRE

**Bimenyeshejwe:**

- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika
- Nyakubahwa Visi Perezida wa Repubulika
  **KIGALI**

*IBYEMEZO BY'INAMA Y'ABAMINISITIRI YATERANIYE MURI VILLAGE URUGWIRO KU WA GATANU TARIKI YA 7/11/1997.*

1. Inama y'Abaminisitiri yemeje gahunda y'inama y'uwo munsi igizwe n'ingingo zikurikira :

   a. Kwemeza imyanzuro y'ibyemezo by'inama y'Abaminisitiri yo kw'itariki ya 24/10/1997;

   b. Gusuzuma umushinga w'itegeko rishyiraho Ikigega cy'imari yo gusana imihanda;

   c. Ishyirwaho ry'abagize in[illegible]y'ubutegetsi muri:

      - ELECTROGAZ;
      - Isanduku y'Ubw[illegible]ganyirize bw'abakozi: C.S.R;
      - ORINFOR.

   d. Gusuzuma ibyo kwemerera abavugizi bashya b'imiryango idaharanira inyungu isanzwe yemewe;

   e. Gusuzuma iby'uko u Rwanda rwafata imigabane muri PANA PRESS.S.A;

   f. Gusuz[illegible] raporo ku myitwarire ya Dogiteri Narcisse GAKUBA wahagaritswe ku buy[illegible]ozi bwa Perefegitura ya Kigali-Ngali;

   g. Gusuzuma imikorere y'aba Superefe byifuzwa ko basimburwa;

   h. Gutunganya amadosiye y'abakozi bo muri Minisiteri y'Ubutabera:

      - Gusuzuma iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho by'agateganyo umushinjacyaha mu ntera yisumbuye;
      - Gusuzuma iteka rya Minisitiri w'Ubutabera rihindura umukozi wa Parike rikanamushyira mu Bakozi b'inkiko;
      - Gusuzuma iteka rya Minisitiri w'Ubutabera rishyiraho by'agateganyo abakozi b'inkiko rikanabashyira aho bagomba gukora:
      - Gusuzuma iteka rya Minisitiri y'Ubutabera riha akazi by'agateganyo abagerefiye.

   i. Gusuzuma inyandiko y'umwanzuro w'akanama k'Abaminisitiri kasuzumye umushinga w'itegeko ryerekeye umwuga w'ubufarumasiye;

   j. Ibindi.

2. Inama y'Abaminisitiri yemeje imyanzuro y'ibyemezo by'inama y'Abaminisitiri yo kw'itariki ya 24/10/1997.

a) Ariko yibutsa:

- Ubunyamabanga Bukuru bwa Guverinoma ko audit interne yashyizwe muri za Minisiteri zose igashamikira kuri Services Généraux.

- Ko muri organigramme ya Perezidansi ya Repubulika hashyizwemo Direction ya Gender Affairs ishamikiye kuri Adviser Social Affairs.

- Ko C.H.R (Caisse Hypothécaire du Rwanda) yikorera ku giti cyayo itagomba gushamikira kuri Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi.

b) Ku byerekeye uburyo Auditor General, BNR na I.S.F.P bishamikira kuri Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi, inama y'Abaminisitiri yabaye iretse kwemeza icyemezo yari yafashe, yemeza kuzakigarukaho Ubunyamabanga Bukuru bwa Guverinoma bumaze kureba neza icyemejwe: niba ari uko ziba semi-autonomes/semi-autonomous cyangwa se autonomes/autonomous.

No ku byerekeye:- Conseil National des Examens et Orientation Scolaire
- Centre National de Développement des Programmes,

Ubunyamabanga Bukuru bwa Guverinoma bwasabwe gusuzuma neza niba hari ibyo ko bishamikira kuri Minisiteri y'Uburezi ku buryo bwa semi-autonomie/semi-autonomy cyangwa bwa autonomy/autonomie.

c) Inama y'Abaminisitiri yemeje ko uretse no muri za Minisiteri n'ahandi hose hakoreshwa amafaranga ya Leta hagomba kuba Service ya audit interne.

d) Inama y'Abaminisitiri yemeje imyanzuro yafashe yo gushyira CNRU muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, isaba za Minisiteri zirebwa n'ibyo ikora gusuzumira hamwe uburyo zibona buzinogeye bw'aho yashamikira, bamara gufata imyanzuro ikibazo kikazagaruka mu nama y'Abaminisitiri.

e) Inama y'Abaminisitiri yasabye Minisiteri zishinzwe imibereho myiza y'abaturage gusuzumira hamwe uburyo zakorana neza n'imiryango itegamiye kuri Leta, ONGs/NGOs n'indi miryango ikorana nazo. Chef de file/Leader w'izo Minisiteri ni Minisiteri y'Umuryango, Uburinganire n'Imibereho Myiza y'Abaturage.

3. Inama y'Abaminisitiri yemeje umushinga w'itegeko rishyiraho Ikigega cy'Imari yo Gusana imihanda, ariko isaba ko ingingo zawo zinonosorwa.

- Mu ngingo ya 10 hakongerwamo Umunyamabanga Mukuru muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Amajyambere ya Komini no Gutuza Abantu n'uhagarariye Perefegitura y'Umujyi wa Kigali mu bagize inama ishinzwe imicungire y'Ikigega cy'Imari yo Gusana imihanda.

- Mu ngingo ya 2: havemo ko Ikigega gitanga amafaranga yo kwishyura imirimo yakozwe itanzwe n'*akanama kihariye* gatanga amasoko binyuze mu ipiganwa, ahubwo muri iyo ngingo hashyirwemo ko ibyo gutanga amasoko y'imirimo yihutirwa yo gusana imihanda biteganijwe mu itegeko rigenga amasoko ya Leta/National Tender Board.

- Hongerwemo mu iryo tegeko ingingo igaragaza neza uruhare rw'Umukozi wa Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi uzajya agenzura imikoreshereze y'imari y'Ikigega hongerwemo kandi ingingo iteganya ko igenzura rizajya rikorwa na audit externe/external audit.

4. Inama y'Abaminisitiri yasabye Minisitiri w'Intebe kuzajya ashyiraho Komisiyo y'Abaminisitiri izajya isuzuma imishinga y'amategeko mbere yo kuyishyira kuri gahunda y'inama y'Abaminisitiri, bityo kuyisuzuma bikazajya byihuta kuko iyo Komisiyo izajya yerekana ingingo za ngombwa zo gufatwaho ibyemezo.

5. Inama y'Abaminisitiri yasabye Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo gukora urutonde rw'ibigo bya Leta byose n'amasosiyete yose Leta ifitemo imigabane, bagaragaza ibyamaze guhabwa inama z'ubutegetsi n'ibitarazihabwa. Bakerekana abagize izo nama, bityo hakagaragazwa abantu bari mu nama z'ubutegetsi nyinshi, bikazafasha inama y'Abaminisitiri kwemeza uko zikwiye gukora n'abagomba kuzijyamo kandi gushyiraho inama z'ubutegetsi ku bigo bisigaye, bigakorerwa icyarimwe. Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo basabwe gutanga imyanzuro mu gihe kitarenze ibyumweru bibiri uhereye kw'itariki ya 7/11/1997.

6. Inama y'Abaminisitiri yasabye Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Amajyambere ya Komini no Gutuza Abantu, Minisitiri w'Umuryango, Uburinganire n'Imibereho Myiza y'Abaturage na Minisitiri w'Ubutabera gukurikiranira bugufi ikibazo cy'amadini atangira gukorera mu Rwanda atarahabwa ubuzimagatozi, kugira ngo bayabuze, no guhagurukira ikibazo cy'amadini ahungabanya umutekano.

7. Inama y'Abaminisitiri yemereye abavugizi bashya n'abasimbura babo guhagararira imiryango idaharanira inyungu isanzwe yemewe ikurikira:

- Association Générale des Handicapés du Rwanda:

  Umuvugizi: Madamu MUKABARANGA MUKANDORI Espérance,

  Abasimbura:

  MUKAKABERA Mariya Kalara;
  KASIMBA Clément.

- Centre des Jeunes Sourds Muets:

  Umuvugizi ni Frère Ambroise Thalamot.

  Abasimbura:

  Mgr MUBILIGI Félicien;
  Bwana KAMBANDA Hormisdas;

- Société de l'Apostalat Catholique au Rwanda:

  Umuvugizi: Padiri Stanislas Filipek;
  Umusimbura: François HARERIMANA.

- Diocèse de Kibungo:

  Umuvugizi: Mgr Frédéric RUBWEJANGA;

  Abasimbura:

  Padiri RUKAMBA Innocent;
  Padiri HABIYAKARE Dominique;
  Padiri MAZIMHAKA André.

- Diyosezi ya Kabgayi:

  Umuvugizi: Mgr Anasitazi MUTABAZI;

- Diyosezi ya Byumba:

  Umuvugizi: Mgr Servilien NZAKAMWITA;

  Abasimbura:

  Padiri Emmanuel RUTSINDINTWARANE;
  Padiri Vincent GASANA.

- Abatangampundu: Umuryango Nyarwanda ugamije guteza imbere umuco nyarwanda:

  Umuvugizi ni KALINDA Gaston;

  Umusimbura:

  François TWAGIRAYEZU;

- Soeurs oblates du St Esprit:

  Umuvugizi: Soeur Lola Rossi;
  Umusimbura ni Révérende Soeur Fébronie NIRERE;

- Abenebikira:

  Umuvugizi ni Soeur Dorothée MUKAMUNANA;

  Abasimbura:

  Soeur Thérèse MUJAWAYEZU;
  Soeur Alodie MUKAMPUNGA.

- Frères de St Gabriel:

  Umuvugizi ni Frère Jean Chrisostome RURANGIRWA;

  Abasimbura:

  Frère MUNYANZIZA Innocent;
  Frère Foucher Robert.

- Inkuru Nziza: Ishyirahamwe ry'amatorero Inkuru Nziza mu Rwanda:

  Umuvugizi: UGIRIMBABAZI Elie;

  Abasimbura ni:

  BIZIYAREMYE Léonidas;
  Peter Andrews.

- Association des Parents pour la Scolarisation Nyabikenke (APS):

  Umuvugizi: NSENGIYUMVA Léon.

- Association pour le Développement de Nyabimata (ADENYA): Umuryango uharanira amajyambere ya Nyabimata:

  Umuvugizi: RWASAMIRERA Edouard;
  Umusimbura: SENKERA Monitory.

- Umwana nk'abandi:

Umuvugizi ni Bwana KARERA Joseph.
Abavugizi:

Madamu MUKABARANGA Berthilde;
KAJENJERI Charles.

- Association pour le Développement socio-économique de Kidaho.

Umuvugizi: Boniface NZABAMWITA;
Umusimbura: Osée HABYALIMANA.

- Association Générales des Etudiants de l'Université Nationale du Rwanda (AGEUNR):

Umuvugizi: NYIRIGIRA Eric;
Umusimbura: NABAHIRE Anastase

- Congrégation des Frères Maristes:

Abavugizi: Révérend Frère NDANGA Spiridion;
Révérend Frère NKURUNZIZA Pascal.

Abasimbura: Révérend Frère NGOMBWA Stanislas;
Révérend Frère KARAMBIZI Louis de Gonzague.

- Congégation des Frères Joséphites:

Umuvugizi: Frère Frédéric SEZIKEYE;

Abasimbura: uwa mbere: Frère KAMUHANDA;
uwa 2: Frère Guido GATOTO;
uwa 3: Frère KANYANKORE;
uwa 4: Frère Ananias RWAKAYIGAMBA.

- Energie et Environnement au Rwanda (ENARWA): Umuryango ugamije guteza imbere ingufu no kurengera ibidukikije:

Umuvugizi: Madamu KANAKUZE Judith;

Umusimbura: NDORIMANA Tatien.

- Eglise Episcopale au Rwanda -Diocèse de Byumba (EER/D.Byumba):

  Umuvugizi: Mgr Onesfore RWAJE;
  Umusimbura: Yohani Mariya Viyani HAJABAGABO.

- Eglise Méthodiste Libre au Rwanda:

  Umuvugizi: Erasito IYAMUREMYE.

  Abasimbura: Pasitoro Emmanuel NSENGIYUMVA;
  Dr. KAGAME Abeli.

- Conseil Protestant au Rwanda:

  Umuvugizi: Pasitoro HITIMANA Nasoni.
  Umusimbura: Pasitoro RUGAMBAGE Samuel.

- Eglise Episcopale au Rwanda - Diocèse de Kigali:

  Umuvugizi: Mgr Emmanuel M. KOLINI.

  Abasimbura: Révérend Francis KAREMERA.
  Bwana Samuel NDENGEYE.

- Diyosezi de Nyundo:

  Umuvugizi: Mgr Alexis HABIYAMBERE.
  Abasimbura: Padiri Jean KASHYENGO.
  Padiri Fabien RWAKAREKE.

8. Inama y'Abaminisitiri yemeje ko u Rwanda rufata imigabane muri PANA Press S.A, iha uburenganzira ORINFOR bwo guhagararira Leta muri iyo sosiyete, gufatamo imigabane no gutangamo amafaranga y'amadolari ibihumbi mirongo itanu (50.000 $US) yo kongèra isanzwemo, ivanye mu ngengo y'imari yayo.

9. Inama y'Abaminisitiri yemeje ko Dogiteri GAKUBA Narcisse wari Perefe wa Perefegitura ya Kigali-Ngali, agahagarikwa by'agateganyo, avanywe burundu ku mirimo y'ubuperefe, kandi akazishyura amafaranga y'amakomini yafashe mu buryo bunyuranyije n'amategeko, n'ababurugumesitiri bayamuhaye bakabigayirwa.

   Yasabye kandi Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, -Amajyambere ya Komini no Gutuza Abantu kuzayishyikiriza mu minsi ya vuba dosiye y'abandi bayobozi bakora nabi.

10. Inama y'Abaminisitiri yemeje ko ba Superefe bakurikira basimburwa kuri uwo murimo bitabujije Minisitiri w'Ubutabera na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Amajyambere ya Komini no Gutuza Abantu gukurikirana abakekwaho ibyaha bihungabanya umutekano.

Abo ni:

- GASASIRA Gérard wari ushinzwe Umuco n'Imibereho Myiza y'Abaturage Perefegitura ya Butare;
- MURORUNKWERE Speciosa, wari ushinzwe Umuco n'Imibereho Myiza y'Abaturage, Perefegitura ya Gisenyi;
- BANYAGA Ignace wari ushinzwe Ubutegetsi n'Amategeko, Perefegitura ya Kibuye;
- BIZINDOLI Albert wari Superefe wa Superefegitura ya Kaduha, Perefegitura ya Gikongoro.
- RWUBATSE André wari ushinzwe Ubutegetsi n'Amategeko, Perefegitura ya Ruhengeri;
- MURARA MUNENE Camille wari Superefe wa Superefegitura ya Kabaya, Perefegitura ya Gisenyi;
- NGENDAHAYO Révérien wari ushinzwe Amategeko n'Ubutegetsi, Prefegitura ya Gitarama.

Dosiye z'ababasimbura zigomba kwihutishwa kugira ngo inama y'Abaminisitiri izifateho icyemezo.

11. Inama y'Abaminisitiri yemeje:

a) iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho by'agateganyo umushinjacyaha mu ntera yisumbuye ariwe Bwana SINDAYIGAYA Faransisiko;

b) iteka rya Minisitiri w'Ubutabera rihindura umukozi wa Parike rikanamushyira mu bakozi b'inkiko, ariwe Madamu MUKAMURINDWA Tasiyana;

c) iteka rya Minisitiri w'Ubutabera rishyiraho by'agateganyo abakozi b'inkiko rikanabashyira aho bagomba gukora;

d) iteka rya Minisitiri w'Ubutabera riha akazi by'agateganyo abagerefiye.

12.. Inama y'Abaminisitiri yemeje umushinga w'itegeko ryerekeye umwuga w'ubufarumasiye.

13. Inama y'Abaminisitiri yasabye ba Minisitiri kwil[illegible] gusuzumira hamwe na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi, umushinga w'[illegible] y'imari y'umwaka wa 1998, ku buryo bitazarenga ku wa kabiri tariki ya 1[illegible]7 batarabonana.

14. Inama y'Abaminisitiri yasabye Minisitiri w'Imirimo ya Leta, Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo na Electrogaz gushaka umuti w'ikibazo cy'abakozi ubuyobozi bwa Electrogaz bwirukanye kugira ngo Leta itazatakaza amafaranga menshi bitewe no gutsindwa mu manza kubera kutubahiriza amategeko ariho agenga abakozi.

15. Inama y'Abaminisitiri yashyigikiye ko amazina y'abantu biba amazi n'amashanyarazi ya Electrogaz n'abatinda kuyishyura bajya batangazwa kuri Radiyo ndetse akandikwa no mu binyamakuru; ibyo bizigisha abanyarwanda ko abakoresha serivisi bagomba no kuzishyurira.

N'abadatanga imisoro bagomba Leta bazajye batangazwa kur'ubwo buryo. Yasabye ko iki cyemezo gicishwa kuri Radiyo Rwanda.

16. Inama y'Abaminisitiri yimuriye itangira ry'amashuri yisumbuye kw'itariki ya 24/11/1997, kugira ngo habanze hamenyekane impamvu abanyeshuri bamwe barangije umwaka wa gatandatu babonye amazeru mu nyigisho zimwe mu kizamini cyo kwimukira mu mashuri yisumbuye kandi haboneke n'umuti w'icyo kibazo.

17. Inama y'Abaminisitiri yashimangiye icyemezo yafashe kw'itariki ya 15/10/1996 ubwo yemereraga Minisitiri w'Imirimo ya Leta kwiga umushinga wo gushyiraho sentere y'ubucuruzi inyuma ya Hoteli Mille Collines ahari amazu ashaje za Minisiteri zahoze zikoreramo; igaruka ahubwo ku cyo yari yarafashe kw'itariki ya 16/9/1997 cy'uko icyo kibanza cyaho cyatangwa hakoreshejwe ipiganwa, yemeza ko gihabwa abacuruzi bishyize hamwe kugira ngo bubakemo sentere y'ubucuruzi, cyakora mbere yo kubaka bagomba:

- Kwerekana plans z'igorofa bazubaka;
- Kwishyura amafaranga ahwanye n'agaciro k'inzu zihari, hiyongereyeho aka Fonds de Commerce yaho.

Minisitiri w'Imirimo ya Leta agashyikiriza iyo plan n'icyo giciro inama y'Abaminisitiri kugira ngo ibyemeze.

Ibindi bibanza bimeze nka cyo bizajya bitangwa habanje kuba ipiganwa.

18. Inama y'Abaminisitiri yasabye ba Minisitiri gufasha Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse gusoza gahunda y'amahugurwa y'abakozi n'abanyeshuri bahungutse, ariko nawe akayibagezaho kare.

Kigali, ku wa 8/11/1997

Nyakubahwa Visi Perezida wa Repubulika
akaba na Minisitiri w'Ingabo
Jenerali Majoro Pawulo KAGAME

Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe

Petero Selesitini RWIGEMA

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu,
Amajyambere ya Komini no Gutuza Abantu
Sheikh Abdul Karim HARERIMANA

Minisitiri w'Ubucuruzi, Inganda
n'Amakoperative
Bonaventure NIYIBIZI

Minisitiri w'Ubukorikori, Ubucukuzi
bw'Amabuye y'Agaciro n'Ubukerarugendo
Mariko RUGENERA

Minisitiri w'Ubutabera
Dogiteri Fawusitini NTEZILYAYO

Minisitiri w'Uburezi
Koloneli Dogiteri Yozefu KAREMERA

Minisitiri w'Ubuzima
Dogiteri Visenti BIRUTA

Minisitiri w'Imirimo ya Leta
Lawuriyani NGIRABANZI

Minisitiri wa Taransiporo no Gutumanaho
Karoli NTAKIRUTINKA

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo
Dogiteri Yozefu NSENGIMANA

Minisitiri w'Umuryango, Uburinganire
n'Imibereho Myiza y'Abaturage
Aloyiziya INYUMBA

Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco
no Kwigisha Imyuga Iciriritse
Dogiteri Yakobo BIHOZAGARA

Minisitiri w'Itangazamakuru
Yohani Nepomuseni NAYINZIRA

Minisitiri muri Perezidansi ya Repubulika
Patrick MAZIMHAKA

Śekereteri wa Leta mu by'Imari
n'Igenamigambi
Emmanuel NDAHIMANA

Sekereteri wa Leta mu by'Ubutegetsi
bw'Igihugu, Amajyambere ya Komini
no Gutuza Abantu
Beyatirisa SEBATWARE PANDA

Sekere Leta mu by'Ubuhinzi,
Ubworo ıkikije n'Amajyambere
y'Icyaro
ZILIMWABAGABO